**ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU**

# ITANGAZO RY'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI

None ku wa kane, tariki ya 19 Nzeri 2024, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Hon. MUKAMA Abbas.

(1) Inama Rusange yemeje raporo z'ibikorwa by'Ihuriro zikurikira:

- ✓ Raporo y'ibikorwa by'Ihuriro n'iy'imikoreshereze y'imari mu mwaka w'ingengo y'imari 2023/2024;
- ✓ Raporo y'igenzura ku mikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2023/2024;
- ✓ Raporo y'indorerezi z'Ihuriro ku itora rya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite yabaye muri Nyakanga 2024; yemeza ko ishyikirizwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora;

(2) Inama Rusange yatoye abakandida b'Abasenateri bashyirwaho n'Ihuriro bakurikira: **Hon. MUKABALISA Donatille** uturuka mu Mutwe wa Politiki PL na **Hon. MURANGWA NDANGIZA Hadidja** uturuka mu Mutwe wa Politiki PDI.

(3) Inama Rusange yemeje ko **Hon. MUKAYIJORE Suzana** aba umwe mu bagize Komisiyo y'Ihuriro ishinzwe Itumanaho no kungurana Ibitekerezo.

(4) Inama Rusange yashyizeho abagize Biro y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki bakurikira: **Bwana NKUBANA Alphonse**, uturuka mu Mutwe wa Politiki PSP, ku mwanya w'Umuvugizi; na **Madamu UWITIJE Clementine**, uturuka mu Mutwe wa Politiki PSR, ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije w'Ihuriro.

Bikorewe i Kigali, tariki ya 19/09/2024.

IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI
N.F.P.O
B.P. 7459 KIGALI

**GISAGARA Théoneste**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**